NHIIS
New Hampshire Immunization Information System

Sisitemu y’Amakuru y’Inkingo ya New Hampshire

Amakuru y’Umurwayi Mushya

Turakwishimiye ku bw'ivuka ry'umwana wawe!

Iki ni igihe cyihariye kuri wowe n'umuryango wawe. Ishami rishinzwe Ubuzima na Serivisi z'Abantu muri New Hampshire rirufuza ko umwana wawe agira ubuzima bwiza uko bishoboka kose. Nimucyo dufatanye kugira ngo umwana wawe akomeze kugira ubuzima buzira umuzi!

NHIIS ni iki?

Sisitemu y’Amakuru y’Inkingo ya New Hampshire (NHIIS) ni inyandiko yo kubika amakuru y’inkingo muri leta yose. Ubu buryo bwizewe (bwubahiriza amategeko ya HIPAA) kandi bugira ibanga ry’amakuru bukomeza kugenzura inkingo z’umwana wawe mu buzima bwe bwose. NHIIS iha amakuru y’ubuzima abashinzwe kwita ku buvuzi.

Ni izihe nyungu zo gukoresha NHIIS?

NHIIS ibika ahantu hamwe inyandiko zose z'amakuru y’inkingo zawe. Niba umwana wawe ahinduriwe umuganga muri NH, umuganga mushya azabasha kubona byihuse inkingo zose umwana wawe yahawe.

NHIIS iguha inyandiko y'amakuru y’inkingo igihe uyikeneye kugira ngo uyijyane ku ishuri, ku kigo cyita ku bana cyangwa muri kaminuza binyuze ku rubuga rw'abarwayi kuri https://www.vaccines.nh.gov/vaccination-record-instructions

NHIIS ibwira umuganga wawe igihe umwana wawe agomba gukingirwa. Ibi bigufasha kumenya neza ko umwana wawe afite inkingo zigezweho kandi ko yakingiwe indwara zishobora kwirindwa binyuze mu gukingirwa.

NHIIS ishobora kubuza umwana wawe guhabwa doze z'urukingo z'inyongera adakeneye. Abaganga bashobora kubona vuba kandi mu buryo bworoshye inkingo umwana wawe yahawe, kandi bazamenya niba umwana wawe agomba gukingirwa cyangwa niba yaramaze gukingirwa.

NHIIS ishobora gufasha mu gukumira icyorezo cy'indwara binyuze mu guhita imenya niba umwana wawe akeneye urukingo kugira ngo akomeze kumererwa neza.

Amakuru ya NHIIS ni ibanga. Amakuru ahabwa wowe, abashinzwe kwita ku buzima bw'umwana wawe n'umuforomo w'ishuri ry'umwana wawe.

New Hampshire Immunization Program
Vaccinate for Life!
NH DEPARTMENT OF HEALTH & HUMAN SERVICES

Ni ayahe makuru asangizwa NHIIS?

Amakuru yohererejwe NHIIS n'abatanga serivisi z'ubuvuzi bitabiriye iki gikorwa akubiyemo: izina ry'umurwayi, itariki y’amavuko, igitsina, aderesi yuzuye harimo n'intara atuyemo, izina ry'urukingo, uruganda rwakoze urwo rukingo, nomero y'urwo rukingo n'itariki urwo rukingo rwatangiriweho.

Ese nsabwa kugira uruhare muri NHIIS?

Kugira uruhare muri NHIIS ni ubushake kandi ntibisabwa. Ushobora kwemera cyangwa ukanga kujya (gusangiza cyangwa kudasangiza amakuru ajyanye n'urukingo rw'umwana wawe) muri NHIIS binyuze mu kubimenyesha uwatanze urukingo. Ushobora gusabwa kuzuza ifishi itanga uruhushya igaragaza icyo uhitamo. Niba uhisemo kujyamo, uzasabwa gutanga uruhushya rwemera gutanga amakuru yawe/y'umwana wawe kandi amakuru y'inkingo zawe/z'umwana wawe azashyirwa muri NHIIS. Niba uhisemo kutajyamo, amakuru yawe ntazashyirwa ahagaragara.

Byagenda bite nisubiyeho?

Nta kibazo! Ushobora guhitamo kugira uruhare cyangwa kutagira uruhare muri NHIIS igihe icyo ari cyo cyose. Niba wasibiyeho, bimenyeshe uguha inkingo.

Ni gute nshobora gusaba kopi y'inyandiko y'inkingo z'umwana wanjye?

Ababyeyi bashobora kumanura no gucapa kopi y'inyandiko y’inyandiko y’amakuru y’inkingo ya NHIIS ku rubuga rw'abarwayi igihe icyo ari cyo cyose, jya kuri https://www.vaccines.nh.gov/ vaccination-record-instructions.

Ni he nakura andi makuru y’inyongera?

Vugana n’ushinzwe kuguha serivisi z’ubuvuzi kugira ngo umenye byinshi kuri NHIIS. Amakuru y’inyongera aboneka kuri www.dhhs.nh.gov/dphs/immunization/nhiis.htm.